

TUMENYE BIBILIA

IKIGANIRO NO 0052

Uraho neza nshuti muvandimwe uteze amatwi ikiganiro TUMENYE BIBILIYA. Amahoro y’Imana nabane nawe. kaze muri iki kiganiro ugez wahu nanjye Parfait NTAMVUTSA.

Duherukana bene se wa Yosefu bavuye uri Egipta guhaha ariko basubira iwabo ; ntabwo bigeze bamenya ko umutware wabahaye impeke ari Yosefu Imana yazamuye muri kiriya gihugu cy’amahanga cya Egipta. Ikindi kandi ubwo basubiraga iwabo, twumvise ko Simiyoni yasigaye muri Egipta nk’ingwate kuko Yosefu yababwiye ko ari bumugamane kugeza ubwo bazagarukira bazanye mwene nyina Benyamini. Nyamara aba bahungu nta mutima bagiraga. Wagize ngo iyo inzara ishira i Kanani muri iyo minsi ; bari guta umwanya wabo basubira muri Egipta kujya gukurayo mwene wabo Simiyoni basizemo. Sha ntabwo mbyibaza rwose. Nta rukundo rwa kivandimwe rwigeze ruranga aba bahungu ba Yakobo. Amahirwe nuko nyine inzara yari ikiri yose bituma binginga se Yakobo ngo abahe murumuna wabo Benyamini kugira ngo babashe gusubira guhaha muri Egipta. Kuko iyo batajyana Benyamini ntabwo bari kubona ibiryo ikindi kandi ntekereza ko na Simiyoni yari kuguma mu nzu y’imbohe ubuzima bwe bwose. Ntibyari byoroshye kuri Yakobo kugira ngo arekure Benyamini. Ni ukuri cyari ikizami gikomeye kuri we nubwo Yakobo tumuziho kuba yari intwari mu kwizera Imana. Iyo ngeze kuri iyi nkuru nkunda gutekereza ku babyeyi cyane. Mubyeyi tekereza umuntu araje bitunguranye ; kandi usanzwe udashyira amakenga uwo muntu kuko umuziho ingeso mbi yo gushimuta abana. Maze arakubwiye ngo mpereza umwana wawe mutware kumutembereza twirirarwane ; ndamukugarurira. Ese ibyo ni ababyeyi bangahe babyemera. Ndakubwiza ukuri ko nta mubyeyi wahangara gutanga umwana we kuri uwo muntu ukekwa kuba ari umushimusi. Ni ko byari bimeze no kuri Yakobo. Ni ukuri rwose ntiyashyiraga amakenga aba bahungu be. Nubwo yatekereje ko inyamaswa zariye Yosefu ; ariko kandi ntiyigeze yizera ibyo aba bahungu be bamubwiye kuko kenshi bamubeshyaga. Ku buryo rero iyo atekereza ko ari bo bamwishe ntiyari kuba atekereje nabi !

Dore rero hano Yakobo yemeye gutanga undi mwana yakundaga cyane kandi w’umuherezizi witwaga Benyamini. Ba rushimusi bene se bamujyanye. Ese koko uyu muhungu azagaruka ?

Turabibara tubibonye ! reka dukomeze dusome iyi nkuru mu Ijambo ry’Imana twumve uko byagenze.

Yozefu abonye Benyamini ari kumwe nabo, abwira igisonga cye ati ‘Injiza aba bantu mu nzu yanjye, ubage witegure ibyo kurya, turi burire hamwe ku manywa y’ihangu’.

Uwo mugabo akora ibyo Yozefu yamutegetse, yinjiza abo bagabo mu nzu ya Yozefu. [Itang. 43:16–17].

Impamvu Yozefu abahamagaye mu nzu ye ni ukugira ngo bavugane mu ibanga.

Baratinya kuko babinjije mu nzu ya Yozefu, baravuga bati “Ifeza zagarutse mu mifuka yacu ubwo twazaga mbere, ni zo zatumye batwinjiza ngo adushakeho urwitwazo, adusumire, atunyagane n’indogobe zacu, tube imbata.” [Itang. 43:18].

Aba bagabo bakutse umutima, bahindijwe umushyitsi n’uburyo Yosefu abahamagaye ; maze batekereza ko ntacyiza abahamagariye usibye ko agiye kubagira abagaragu kubera ya mafaranga yagarutse mu masaho yabo. Ariko ibaze ari nka we, mu kanya gato ukumva bariho bakubwira ngo nyakubahwa Perezida w’u Rwanda aragushaka ngo musangire! Ndatekereza ko wakwishima cyane sibyo ra ! Ariko aba bahungu ba Yakobo ntabwo ariko babitekerezagaga. Bagize ubwoba bwinshi kuko bahoragahora bishinja mu mitima yabo ibyo bakoreye mwene se Yosefu ubwo bamugurishaga. Nshuti yanjye kugirira nabi umuntu ni bibi cyane. Uhora wishinja icyo cyaha. Kandi iyo utihannye gusabe uwo wakoshereje imbabazi n’Imana ntabwo ishobora kukubabarira. Abanyarwanda tugomba kubabarirana ; tukubaka igihugu cyacu. Kandi turashimira Imana ko yabikoze. Nyuma y’imyaka myinshi Genocide yakorewe Abatutsi irangiye ; abanyarwanda bishe barasaba imbabazi kandi n’abiciwe baratanga imbabazi. Uwo ni wo mutima Imana idushakaho. Kandi ndahamya neza ntashidikanya ko umugisha Imana iri gukomeza guha u Rwanda ushingiyemo n’ubundi kuri uwo mutima umenetse wo guca bugufi, umutima w’imbabazi w’Abanyarwanda. Imana ihe ikomeze guha umugisha Abanyarwanda bose, n’igihugu cy’u Rwanda cyose !

Begera cya gisonga cya Yozefu bavuganira nacyo ku muryango bati ;

“Databuja mbere twaramanutse tuza guhaha,

tugeze mu icumbi duhambura amasaho yacu, umuntu wese asanga ifeza ye iri mu munwa w’isaho ye, ifeza zacu dusanga zingana uko zanganaga none turazigaruye.

Kandi tuzanye izindi feza zo guhaha, ntituzi uwasubije ifeza zacu mu masaho yacu.” [Itang 43:19–22].

Batangiye kwicuza, gusobanura no gutakambira uwabazanye mu nzu ya Yozefu. Amagambo yabarenze, bahiye ubwoba bwinshi !

Arabasubiza ati “Mushyitse imitima mu nda ntimutinye, Imana yanyu, Imana ya so, niyo yabashyiriye ubutunzi mu masaho, jyeweho ifeza zanyu narazishyikiriye”Asohora Simeyoni aramubazanira. [Itang. 43:23].

Uko bigaragara uyu mugabo nawe atangiye guhamya Imana y’ukuri kubera Yosefu yari amaze kuyimenyekanisha muri Egiputa. Ariko birashoboka ko uyu mugaragu nawe yatangiye kumenya ibiriho bibera kwa Yosefu. Yarababwiye ngo amafaranga yanyu narayabonye!

Ni uko wa mugabo yinjiza abo bagabo mu nzu ya Yozefu, abaha amazi boga ibirenge agaburira n’indogobe zabo. [Itang. 43:24].

Twongeye kubona umuhango wo koga ibirenge nk’uko twabibonye mu buzima bwa Aburahamu.

Begeranya amaturo kugira ngo Yozefu naza ku manywa y’ihangu asange biteguye kuyamutura, kuko bari bumvise yuko bari burire hamwe nawe.

Yozefu atashye bamusangisha mu nzu ya mature bazanye, bamwikubita imbere bubamye. [Itang. 43:25-26].

Wibuke ko umusaza Yakobo yari yababwiye gushyikiriza aya maturo uwo mugabo. Ubu bamupfukamiye hasi ku butaka. Inzozo ze zo mu bwana zirimo ziraba impamo.

Ababaza uko bari, kandi ati ‘so aracyakoma? Wa musaza mwavugaga aracyariho?’ [Itang. 43:27].

Ni umwanya ukomeye kuri Yozefu, ndatekereza ko hano yari yicaye. Bamwubarara imbere, nawe arababaza ati so araho? Yabibajije kuko yari azi ko se we nawe.

Baramusubiza bati “Data, umugaragu wawe ni muzima, aracyariho. Barunama bikubita hasi. [Itang. 43:28].

Barongeye kandi baramwunamiye. Iyo biza kuba byarashobokaga nkabona ifoto yabo! Benyamini nawe bari kumwe nawe akora ibyo bakora.

Yubura amaso abona Benyamini murumuna we mwene nyina, arababaza ati Uwo niwe muhererezi wanyu mwambwiraga?” Maze aramubwira ati ‘Imana ikugirire neza, mwana wanjye,” [Itang. 43:29].

Yozefu nubwo yavuze atyo, yakomeje guhisha amarangamutima ye. Ariko ndatekereza ko bitari bimworohoye na gato. Yosefu yishwe n’ikiniga n’ubwo yakomeje kwihagararaho. Umva uko byamugendekeye;

Yozefu yihuta kugenda, kuko umutima we wari ufitiye urukumbuzi mwene nyina, ashaka aho aririra, yinjira mu nzu haruguru ayiririramo. [Itang 43:30].

Ndatekereza ko Yosefu yaba yarababwiye ati ndaje gato hari unshaka kuri telephone maze akiruka akajya kurira. Kuko abonye mwene nyina nyuma y’imyaka makumyabiri yose. Ubu ngubu Yosefu yari afite imyaka mirongo ine. Benyamini nawe yari akiri umusore muto.

Yiyuhagira mu maso aragaruka, ariyumanganya, aravuga ati “Nimwarure ibyo kurya” [Itang. 43:31].

Noneho bageze mu kandi kanya keza ko gusangira na bene se. Mu buhanuzi bwa Zekariya batubwira yuko hari umunsi Yesu aziyereka abamugiriye nabi, kandi nibamubona bazarira, kuko niwe wabatangarije agakiza, niwe watanze ubuzima bwe ku bwabo. Ibi bizaba ubwo Yesu azaba agarutse.

Niko bimeze na hano. Noneho Yozefu agiye kwiyereka bene se bamugurishije, bagatuma ahinduka umucakara muri Egiputa.

Bamugaburira ukwe, na bene se babagaburira ukwabo, n’Abanyegiputa bariraga hamwe nawe babagaburira ukwabo kuko Abanyegiputa batasangiraga n’Abaheburayo, kuko cyari icyizira ku Banyegiputa. [Itang. 43:32].

Hari ibintu byinshi byari gutuma bene se wa Yozefu bamumenya. Kimwe muri byo ntiyasangiye na Banyegiputa. Wenda reka tuvuge ko bene se babifashe nk’ibisanzwe kuko yari umutware. Ariko hari n’ikindi.

Bicara imbere ye, bicazwa uko bakurikirana, imfura uko ubukuru bwayo buri n’umuhererezi uko ubuto bwe buri, bavugana batangara [Itang. 43:33].

Bararebanye bibaza ukuntu uwo muntu yabamenye bose. Batangajwe ni uburyo yabicaje akurikije uko bakurikirana mu myaka.

Yozefu ategereye ko babazanira amafunguro yari imbere ye, ariko igaburo rya Benyamini riruta ayabo gatanu. Baranywa banezeranwa na we. [Itang. 43:34]

« Banezeranwa nawe ». Mbega ukuntu bizaba ari ibyishimo umunsi Yozefu azibwira bene se!

IGICE CYA 44

INSANGANYAMATSIKO :YOZEFU YOHEREZA BENE SE MU RUGO,YUDA AJYA MUKIMBO CYA BENYAMINI.

Na none tugeze mu gice kiza cyane hano. icyo nta kindi ni igice cya 44 Yozefu arashaka kugerageza bene se ngo arebe ko ubugome bamukoreye bwo kumugurisha mu bucakara baburetse. Yuda yigize umuvugizi wabo bose kandi akaba umurinzi bikomeye wa Benyamini, arashaka no kumwitangira mu cyimbo cye.

YOZEFU YOHEREZA BENE SE MU RUGO

Yozefu ategereye igisonga cye ati “Nimwuzuze amasaho y’abo bagabo ihaho ringana n’iryo bashobora kujyana, ushyire n’ifeza y’umuntu mu munwa w’isaho ye.

Ushyire igikombe cyanjye mu munwa w’isaho y’umuhererezi, ushyiremo n’ifeza ye yahahishaga”

Abigenza uko Yozefu yamutegetse.

Bukeye hamaze kubona, abo bagabo basezeranwa n’indogobe zabo,

Bavuye mu mudugudu bataragera kure, Yosefu abwira igisonga cye ati “Haguruka ukurikire ba bagabo, nubageraho ubabwire uti ‘Ni iki gitumye mwitura inabi uwabagiriye neza?

Icyo mwibye si cyo Databuja anywesha kandi sicyo yikingira aragura? Ubwo mwakoze mutyo mwakoze icyaha.” [Itang. 44:1–5].

Bene se barataha bazi ko ibintu bimeze neza. Ntabwo bazi ko igikombe cya Yosefu kiri mu isaho rya Benyamini. Maze igisonga cya Yozefu kibiruka inyuma, kibashinja kwiba igikombe cya shebuja.

Baramubwira bati Databuja ni iki kikuvugishije amagambo ameze atyo? Ntibikabeho ko abagaragu bawe twakora ibimeze bityo. [Itang. 44:7].

Wibuke ko Yozefu yari umuhanuzi. Yashoboraga guhanura ibizaba, wasanga yarakoreshaga iki gikombe! Ariko ubuhanuzi bwe bwavaga ku Mana ntibwari ubwo ku isi. Yari impano yahawe n’Imana.

Dore ifeza twasanze mu minwa y’imifuka yacu twarazigusubije, tuzivanye mu gihugu cy’i Kanani, none twabasha gute kwiba ifeza cyangwa izahabu byo mu nzu ya shobuja?

Uwo uri bu kibonane wo mu bagaragu bawe yicwe, natwe duhinduke imbata zawe Databuja” [Itang. 44:8–9].

Bari bazi neza ko nta n’umwe muri bo ufite icyo gikombe cya Yosefu.

Arababwira ati “Ni uko rero bibe nk’uko mubivuze. Uwo kiri bubonekeho niwe uri bube imbata yanjye, namwe ntimuri bugibweho n’urubanza. Barihuta burabururutsa; umuntu wese ahambura isaho ye, arasaka ahera ku mfura, ageza ku muhererezi, cya gikombe kiboneka mu isaho ya Benyamini. [Itang. 44:–12].

Yego, nibyo Yozefu yari yategetse igisonga cye gushyira icyo gikombe cye mu isaho ya Benyamini.

Bashishimura imyambaro yabo, umuntu wese ahekesha indogobe imitwaro basubira mu mudugudu. [Itang. 44:13].

Bashishimura imyambaro yabo nk’ikimenyetso cy’umubabaro ukabije. Ntibakomeje kuko batashoboraga gusubira mu rugo batari kumwe na Benyamini. Ahubwo basubiye mu mudugudu muri Egiputa aho Yosefu yari yabakiriye.

Yuda na bene se basubira mu nzu ya Yosefu, basanga akiri aho bamwikubita imbere.

Yozefu arababaza ati “Icyo mukoze icyo ni igiki? Ntimuzi ko umuntu umeze nkanjye ashobora kuragura koko?” [itang. 44:14–15].

YUDA UMUKORERABUSHAKE, AJYA MU CYIMBO CYA BENYAMINI

Yuda yikubita imbere y’uyu mugabo atarebye icyubahiro cye. Maze avuga amagambo menshi atangira kwicuza avuga ko ibyabaye byose byatewe n’ibyaha bagiye bakora.

Yuda aramusubiza ati “Databuja, turagusubiza iki? Turavuga iki? Turireguza iki? Imana yamenye ugukiranirwa kw’abagaragu bawe, dore turi imbata zawe Databuja, twe n’uwo cya gikombe cyabonetseho.”

Aramusubiza ati “ntibikabeho ko ngira ntyo, uwo igikombe kibonetseho niwe uri bube imbata yanjye, ariko mwe mwigendere mujye kwa so amahoro.” [Itang. 44:16–17].

Yosefu arashaka kubagerageza ngo arebe urukundo bari bafitiye mwene nyina Benyamini. Kuko uwa mbere ari we Yosefu baramwanze kugeza aho bamugurisha muri Egipta. None ubu Yosefu ariho arababwira ngo; harasigara Benyamini kuko niwe wabonetseho icyaha. Umva Yuda uko avuga.

Yuda aramwegera aramubwira ati “Databuja, ndakwinginze jyewe umugaragu wawe reka mvugire ijambo mu matwi yawe, uburakari bwawe bwoye kugurumanira umugaragu wawe kuko uhwanyeye na Farawo rwose.

Databuja ntiwabajije abagaragu bawe uti; muracyafite so?

Natwe tuagusubiza Databuja tuti “dufite data w’umusaza, hari n’umwana yabyaye ashaje aracyari muto, mukuru we yarapfuye, niwe usigaye ari ikinege mu nda ya nyina, se aramukunda.

Maze ukabwira twe abagaragu bawe uti ‘muzamunzanire murebe.

Tukakubwira databuja tuti ‘uwo muhungu ntiyasiga se, yamusiga se yapfa.

Nawe ukabwira twe abagaragu bawe uti ‘umuhererezi wanyu nimutamumanukana ntimumuzongere kunca iryera.’

**Nuko tuzamutse tugeze kuri data umugaragu wawe tumubwira amagambo yawe databuja.
[Itang 44:18-24]**

Gusoza

Aba bagabo ari bo bene se wa Yosefu ntabwo borohewe na gato. Mu Kinyarwanda baca umugani ngo “akebo kajya iwamugarura”. Urabona ko nubwo Yosefu yanyuze mu bigeragezo byinshi kandi imyaka myinshi. Kuri iyi nshuro birasa n’aho ibyaha bene se bakoze byose biriho bibagaruka. Ni ukuri ntabwo borohewe pe! Wibuke se Yakobo yarabihanangirije cyane arababwira ati; murarinde umuhererezi wanjye Benyamini hato na we atazamera nka mwene nyina Yosefu nkababura bombi. None dore karabaye; Benyamini ni we basanganye igikombe cya Yosefu mu isaho rye. Ntabwo nzi icyo Yuda na bene se bari gusobanurira Yakobo iyo baza gusubira iwabo batari kumwe na Benyamini. Umva ntabwo navuga ngo Yakobo yari kubakubita ibiboko ahereye kuri Yuda wari wishingiye murumuna wabo. Reka da! Izo mbaraga ntabwo Yakobo yari kuzibona yari yisaziye kandi n’abahungu be bari abagabo. Ntabwo bari bakiri abana bo gukubita. Ariko ndakubwiza ukuri ko indahiro Yuda we ubwe yarahiye imbere ya se Yakobo; ubwo yishingiraga kujyana Benyamini yari kumukoraho. Wibuke ko yarahiye indahiro ikomeye’ yivugiye ubwe ko natagarura murumuna wabo Uwiteka azamuhane yihanukiriye kandi ngo uwo muvumo uzamubeho iteko ryose! Nyumvira na we rero akaga kari kuri Yuda! Nshuti yanjye ntibyari byoroshye! Ariko ibi byose ni ingaruka y’icyaha n’urugomo bagiriye mwene se Yosefu. Ese wowe ntushobora kuba uri guca mu buzima bukomeye; kubera ingaruka z’icyaha wakoze? Hari umuntu wavuze ngo “ibigeragezo tunyuramo, iyo bidaturutse mu byaha twakoze biba biturutse mu gushaka kw’Imana”. Ariko ndahamya neza ko aba bariho basoroma ku ngaruka z’icyaha bakoze. Ntabwo nzi ubuzima na we uri kunyuramo. Tekereza neza nusanga ari ingaruka z’icyaha wakoze; uce bugufi usabe Imana imbabazi. Ni ukuri yiteguye kukwakira. Ndahamya neza ko bene se wa Yosefu nabo bagize uyu mutima wo kwatura ibyaha bakoze, maze barababarirwa.

Isengesho

Uwiteka ndasengera umuntu wese unteze amatwi ngo niba ariho aca mu buzima bukomeye kubera ingaruka z'ibyaha yature ibyaha bye. Amenye ko uri Umunyabuntu bw'inshi kandi wuzuye imbabazi. Hari abafite uburwayi bubakomereye kuko ari ingaruka mbi z'ibyaha bagendeyemo, hari abihebye badafite amahoro mu mutima kuko wenda ari ingaruka zo kunywa ibiyobyabwenge byinshi. Abo bose ndabakweretse ngo mu izina ryawe Yesu bature ko ari abanyabyaha, maze ubababarire. Nizeye ko wumvise gusenga kwanjye Mwami w'Abami. Ni mu izina rya Yesu Kristo. Amen!

Mu kiganiro gikurikira bizaba ari ibirori bidasanzwe mu muryango wa Yakobo. Nyuma y'igihe kinini Yakobo ayibwira ko Yosefu yapfuye azongera amubone. Kandi azabona na Simiyoni wari wagizwe imbohe azabona na Benyamini. Yakobo azava mu mubiri asize abahungu be babanye neza cyane. Iyi nkuru iriho iragana ku musozo wayo ariko ni ukuri ntuzacikwe n'ikiganiro cy'ubutaha nzakomeza nkubwire byinshi cyane byerekeranye n'uyu muryango.

Amahoro n'umugisha biva ku Mana Data n'Umwana wayo Yesu Kristo n'Umwuka Wera bibane na we